**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**UMUJYI WA KIGALI**
**AKARERE KA GASABO**
**WEBSITE : www.gasabo.gov.rw**
**E-mail : info@gasabo.gov.rw**
**B.P. 7066 KIGALI**

**Gasabo, ku wa 17/12/2015**
**Ref.N° : 066/07.01.02 NSYG/2015**

Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
**KIGALI.**

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 11/12/2015.

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kuboherereza ku mugereka w'iyi baruwa, imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku itariki ya 11 Ukuboza 2015.

Mugire amahoro.

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO

**Bimenyeshejwe**:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo.

**KIGALI.**

CITY OF KIGALI
Central Secretariat
Date of Reception 17/12/2015
Signature

DISTRICT DE GASABO
POUR RECEPTION
Date 17/12/2015
Signature
A Traiter par

MINALOC
Pour réception
Date 17 DEC 2015
Signature

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 11 UKUBOZA 2015**

Ku wa gatanu tariki ya 11 Ukuboza 2015, saa munani n'iminota mirongo ine z'amanywa (14h40) mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gasabo, hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyobowe n'Umuyobozi wayo **Bwana MUNYENTWARI Alfred.**

Ku bajyanama 30 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, inama yitabiriwe n'Abajyanama 23 bakurikira:

**Abajyanama bitabiriye inama**:

1. Umujyanama MUNYENTWARI Alfred (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama KAREMERA Francis ( Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama MUKESHIMANA Régine ( Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama GACONDO Frédéric
5. Umujyanama MASOZERA G. Pierre
6. Umujyanama KANKINDI G. Rose
7. Umujyanama KAREGA Diogène
8. Umujyanama KAYISIRE Callixte
9. Umujyanama MUGENZI N. Léon
10. Umujyanama MUHINDA David
11. Umujyanama MUKARUBUGA Ancilla
12. Umujyanama MUKARUKIZA Félicité
13. Umujyanama MULIGANDE Benjamin
14. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
15. Umujyanama MUSIRIKARE David
16. Umujyanama MUSSOLINI Eugène
17. Umujyanama NSENGIYUMVA Ildephonse
18. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
19. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
20. Umujyanama SHEMA NGOGA Fabrice
21. Umujyanama UWAMAHORO Claudine
22. Umujyanama UWANTEGE Olive
23. Umujyanama UWANTEGE Solange
24. Umujyanama UWIMANA UMULISA Enatha

**Abajyanama batitabiriye inama bafite impamvu zizwi:**

1. Umujyanama BIGABIRO Charles Louis
2. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
3. Umujyanama MUNYANGEYO Dieudonné Kennedy
4. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
5. Umujyanama NGENDO Alphonse
6. Umujyanama UMULIZA Jackline

**Abandi bitabiriye inama:**

1. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;
2. Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi;
3. Inzobere zateguye DDP ivuguruye y'Akarere.

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE.**

Nyuma yo kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje kubitabiriye inama ingingo ziteganyijwe gusuzumwa, maze ku bwumvikane busesuye bemeza ko zikurikirana mu buryo bukurikira:

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye kuwa 22 Ukwakira 2015;
2. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
3. Raporo ya Komite Ngenzuzi y'Akarere;
4. Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza;
5. Raporo y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2015-2016;
6. Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya mbere 2015-2016;
7. Ibintu n'ibindi.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ingingo ziteganyijwe gusuzumwa, no kugaragarizwa ko raporo y'igihembwe cya mbere y'umwaka 2015-2016 itabonetse, bunguranye ibitekerezo maze ku bwumvikane busesuye bemeza ko ingingo ziri busuzumwe kandi ziri bukurikirane mu buryo bukurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye kuwa 22 Ukwakira 2015;
2. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
3. Raporo ya Komite Ngenzuzi y'Akarere;
4. Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza;
5. Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya mbere 2015-2016;

6. Ibintu n'ibindi:
   - Fundraising yo gufasha Abanyarwanda birukanwe mu Gihugu cya Tanzania;
   - Umwiherero w'abagize Inama Njyanama.

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 22 Ukwakira 2015**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere yahawe umwanya asomera abitabiriye inama inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 22 Ukwakira 2015, ndetse anabagezaho ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama asubiza kuri iyo myanzuro; yemeza ko yose ishobora gushyirwa mu bikorwa kandi asaba ko ishyirwa mu bikorwa ryayo ryakwihutishwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyo nyandikomvugo n'ibaruwa y'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yanditse isubiza kuri iyo myanzuro, bayikoreye ubugororangingo, banasobanurirwa uko imyanzuro imwe n'imwe yashyizwe mu bikorwa.

Ku mwanzuro No 48.10.671 uvuga ko *Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Umuyobozi w'Inama Njyanama kuzatumira Company AGRODEV mu nama y'Inama y'Abaperezida itaha, akaganirizwa ku kibazo cye cy'umwenda afitiwe n'Akarere, bakazageza raporo ku Nama Njyanama mu nama itaha*, Umuyobozi w'Inama Njyanama yasobanuye ko nk'uko byari byarasabwe Inama y'abaperezida yahuye na Bwana MUSHIMIRE Faustin uhagarariye Company *AGRODEV* bamusobanurira uko ikibazo cye cyasuzumwe n'inama Njyanama n'umwanzuro wagifashweho.

Bwana Mushimire Faustin yasobanuriwe ko umwanzuro no 31.03.423 umwemerera kwishyurwa miliyoni umunani ibihumbi magana atanu na mirongo itatu na bine n'amafaranga mirongo itatu (8,534, 030 Frw) y'ibiribwa yagemuye mu ngando za TIG, Inama Njyanama yemeje ko yakwishyurwa atayahawe, ariko amenyeshwa ko Akarere kiteguye kuyamwishyura n'aho ayandi asaba, nyuma y'ibisobanuro by'abatekinisiye b'Akarere, Inama Njyanama ikaba yarasanze ntacyashingirwaho ayishyurwa kuko yabigemuye atari yahabwa isoko. Uyu Bwana Mushimire Faustin akaba yaranze kwemera ko yishyurwa ariya mafaranga 8,534, 030 avuga ko azitabaza izindi nzego.

Naho ku myanzuro irebana na Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo, Umuyobozi w'Inama Njyanama yabwiye abari mu nama ko inama ya mbere yo kwitoramo abayobozi yabaye, Prezida wa Komisiyo aba Bwana KAYISIRE Callixte, Vice/Prezida Bwana KAREMERA Francis, Umubitsi Madamu UWANTEGE Oliva, Umwanditsi Madamu MUKESHIMANA Regine naho Bwana MBERABAHIZI Raymond Chretien aba member. Ku birebana n'ihererekanyabubasha, Umuyobozi w'Inama Njyanama yasobanuye ko ihererekanyabubasha ryakozwe ku itariki ya 7 Ukuboza 2015, kandi ko Minisiteri y'Ubutabera yari ihagarariwe nk'uko byasabwe.

Ku mwanzuro No 48.7.668, urebana n'itsinda ryashyizweho ryo gutegura raporo y'imyaka itanu ya manda, Umuyobozi w'Inama Njyanama yasobanuye ko itsinda ryatangiye kandi ko mu nama y'Abaperezida yateranye kuwa 26 Ugushyingo 2015 ryagejeje ku Nama y'Abaperezida umushinga w'iyo raporo. Inama y'Abaperezida yamenyesheje itsinda ibyo rigomba kongeramo kugira ngo izasuzumwe mu mwiherero uzaba ku itariki ya 19.12.2015 nk'uko Inama y'Abaperezida yabyemeje.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho uburyo imyanzuro yemejwe mu nama iheruka yashyizwe mu bikorwa no gusanga igihe gisigaye ari gito kandi hagomba kubaho n'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye, bunguranye ibitekerezo bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 49.1.673**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko umwiherero w'abagize Inama Njyanama uzahuzwa n'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo.

**Umwanzuro No 49.2.674**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama idasanzwe yateranye ku itariki ya 22 Ukwakira 2015, imaze gukorerwa ubugororangingo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kabiri</u>: Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu**

Umwanditsi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yagejeje ku nama Njyanama ibyo Komisiyo yakoze asobanura ko Komisiyo yahuye n'inzobere (consultants) zateguye DDP ivuguruye y'Akarere ka Gasabo bakaba barayisuzumye muri Komisiyo, asaba Umuyobozi w'Inama Njyanama ko bahabwa umwanya bakayibagezaho.

Abateguye DDP bamaze guhabwa umwanya, bayigaragarije Inama Njyanama basobanura ko uretse incamake bagiye kubagezaho, inyandiko irambuye bayohererejwe kuri email zabo kugira ngo bayisuzume.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho mu buryo burambuye ibikubiyemo, ibyashingiweho mu guhitamo ibyavuguruwe no kureba ibikorwa bigaragara muri buri Murenge, bagaragarijwe ibizakorwa na ba rwiyemezamirimo mu rwego rwa PPP, hagamijwe kugirango buri wese agire uruhare mu Iterambere ry'Akarere no gusanga izajya ifasha mu gukora isuzuma y'ibyagezweho n'ibitaragezweho n'impamvu ryabyo.

Abagize Inama Njyanama kandi bamaze kugezwaho ibyateganyijwe mu igenamigambi rirambye ry'Akarere ka Gasabo, no kungurana ibitekerezo, nyuma yo gusanga hari amakuru adahura n'ukuri nk'aho bavuga ko Nduba ikora ku kiyaga cya Muhazi, no kuba hatagaragaramo icyakorwa mu kubungabunga ibidukikije, bunguranye ibitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 49.3.675**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye ibyateganyijwe mu mushinga w'igenamigambi rirambye rivuguruye ry'Akarere ka Gasabo (DDP), ariko bitewe n'uko hari ibitarakozwe neza cyane cyane imibare yatanzwe idahura n'ukuri, bemeza ko iyi DDP ivuguruye izaganirwaho mu nama y'Inama Njyanama itaha, hamaze kongerwamo ubugororangingo bwatanzwe.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya gatatu: Raporo ya Komite Ngenzuzi y'Akarere.**

Perezida wa Komite Ngenzuzi y'Akarere yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama ibikubiye muri raporo Ubugenzuzi Bwite bw'Akarere bwakoreye Fawe Girls School. Yasobanuye ko muri iyi raporo hagaragaramo amakosa menshi ndetse aranayerekana ariko yibanda cyane ku makosa afite uburemere bukabije akurikira:

1. Amafaranga angana na 35.066.841 frw yakoreshejwe n'ishuri rya FAWE ariko akaba adafite impapuro zihagije z'imikoreshereze yayo, izo nyandiko ni nka raporo zerekana uko yakoreshejwe cyangwa inyandiko zerekana niba abo yari agenewe guhabwa barayabonye;
2. Amafaranga angana 10.703.790 frw ubuyobozi bw'ishuri butigeze bugaragaza muri raporo nk'amafaranga Akarere kohereje iryo shuri. Ni ukuvuga ko muri raporo bagaragaza amafaranga make kuyo bahawe n'Akarere.
3. Kuba Ubuyobozi bw'ishuri rya "Fawe Girls School" butagira raporo y'amafaranga angana na 124.827.800 yatanzwe nka "Minerval" y'abanyeshuri ndetse ayo mafarangwa yatanzwe nka "minerval" ntiyigeze atangwa muri raporo yatanzwe ku Karere muri icyo gihe cyakorewe ubugenzuzi ndetse n'ikigo nta raporo cyayo gifite.

Ikindi Komite Ngenzuzi yagaragaje nk'impungenge ni uko serivisi y'Ubugenzuzi bwite bw'Akarere ifite imbaraga nke kuko idafite abakozi bahagije, mu bakozi 3 bateganyijwe babiri barimo by'agateganyo, ugasanga ari imbogamizi mu mikorere myiza no kugira ngo tugere ku micungire myiza y'imari ya Leta nk'uko twari mu murongo mwiza.

Asoza ijambo rye, Perezida wa Komite Ngenzuzi yasabye Inama Njyanama kwemeza ko mu gihe kitarenze ibyumweru bibiri uhereye igihe uyu mwanzuro wemerejwe, Ubuyobozi bwa FAWE Girls School bwashyikiriza Ubuyobozi bw'Akarere inyandiko zitagaragajwe zirebana n'imikoreshereze y'amafaranga avugwa muri raporo y'ubugenzuzi bwakorewe ishuri ayobora (FAWE Girl School), haramuka hatubahirijwe igihe cyatanzwe bagahita bashyikirizwa inzego zifite ububasha bwo gukurikirana ibyaha.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komite Ngenzuzi no kungurana ibitekerezo ku bikubiye muri raporo y'Ubugenzuzi Bwite bw'Akarere bwakoreye FAWE GIRL SCHOOL ku mwaka wa 2014-2015, bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 49.4.676**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kwandikira Umuyobozi w'Ikigo cya Fawe Girls School, bamusaba kugaragaza inyandiko zitagaragajwe zirebana n'imikoreshereze y'amafaranaga avugwa muri raporo y'ubugenzuzi bwakorewe ishuri ayobora mu gihe kitarenze icyumweru kimwe akimara kubona iyo baruwa, haramuka hatubahirijwe ibyasabwe bagahita bashyikirizwa inzego zifite ububasha bwo gukurikirana abakoze ibyaha.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kane</u> : Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yahawe umwanya, ageza ku bagize Inama Njyanama raporo ya Komisiyo ikubiyemo ibyo yasuzumye bikurikira:

1. Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2015-2016, irebana n'Imiyoborere Myiza;
2. Ikibazo Komisiyo yashyikirijwe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama cya Bwana Kabanda Joseph;
3. Gahunda yo gusura Imirenge igize Akarere ka Gasabo.

**4.1. Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2015-2016, irebana n'Imiyoborere Myiza**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abagize Inama ko Komisiyo yahuye n'abatekinisiye b'Akarere bakurikirana umunsi ku munsi imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2015-2016, babagaragariza aho imihigo iri mu nkingi y'Ubutabera n'Imiyoborere Myiza igeze ishyirwa mu bikorwa, asobanura ko basanze iyo mihigo igeze ku kigereranyo gishimije uretse umuhigo ujyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'inama n'ibyasabwe n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta hamwe n'umuhigo ujyanye n'inyubako y'ibiro by'Akarere. Asoza atanga inama zatanzwe na Komisiyo y'Imiyoborere zisaba Komite Nyobozi y'Akarere kongera imbaraga mu kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ikiri inyuma.

Abari mu nama bamaze kugezwaho na Komisiyo y'imiyoborere Myiza aho imihigo iyireba igeze ishyirwa mu bikorwa bifuje kumenya aho indi mihigo igeze ishyirwa mu bikorwa maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 49.5.677**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko mu nama itaha Komite Nyobozi y'Akarere yazageza ku Nama Njyanama aho imihigo y'Akarere ka Gasabo 2015-2016, igeze ishyirwa mu bikorwa.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

4.2. **Ikibazo Komisiyo yashyikirijwe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama cya Bwana Kabanda Joseph**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasobanuye ko Komisiyo yasuzumye ibaruwa ya Bwana KABANDA Joseph, wandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama asaba kurenganurwa mu ibaruwa yanditswe n'umwunganizi we mu mategeko Me Jean Maurice Mugabonabandi. Muri iyo baruwa yanditse asaba ko hakurwaho icyemezo cyo kumwirukana ndetse agahabwa n'indishyi asobanura zijyanye n'ibyo aba yarabonye iyo aba akiri mu kazi.

Perezida wa Komisiyo yasobanuye ko Komisiyo isuzuma icyo kibazo yari yatumiye Avoka uburanira Akarere Me Justin RUSHIKAMA NIYO, abasobanurira uko ikibazo giteye.

Abari mu nama bamaze kugezwaho imitererere y'ikibazo *cya Bwana KABANDA Joseph* no kungurana ibitekerezo bamaze gusanga Bwana KABANDA atarubahirije ibiteganywa n'Itegeko no 86/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga abakozi ba Leta, mu ngingo ya 84 ivuga ko "mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi amenyeshejwe icyemezo yafatiwe, umukozi wahanwe iyo atemera igihano yahawe, ashobora kujuririra mu nyandiko ku rwego rwa mbere umuyobozi w'Urwego akoramo agahabwa igisubizo mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye igihe ubujurire bwakiriwe.
Iyo icyemezo gifashwe ku rwego rwa mbere kitamushimishije, umukozi wa Leta wahanwe ashobora kujuririra Komisiyo, mu rwego rwa nyuma, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yaherewe igisubizo.Komisiyo igomba gutanga umwanzuro mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60). Icyemezo cya Komisiyo ntikijuririrwa mu rwego rw'ubutegetsi".

Inama Njyanama ishingiye ko kuva Bwana Kabanda Joseph yafatirwa icyemezo cyo kwirukanwa burundu, atigeze ajurira nk'uko itegeko twavuze haruguru ribivuga, ishingiye kandi no ku itegeko no 87/2013 ryo ku wa 11/9/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage cyane cyane mu ngingo yaryo ya 125, yemeje imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 49.6.678**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, yemeje ko ikibazo cya Bwana KABANDA Joseph, cyategereza umwanzuro w'Urukiko, akaba ariwo Akarere kazashingiraho.

**Umwanzuro No 49.7.679**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukurikirana ko inyandiko zose zirebana n'ikibazo cya Bwana KABANDA Joseph zabikwa neza hamwe, kugira ngo igihe zikenewe zijye ziboneka.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**4.3. Gahunda yo gusura Imirenge igize Akarere ka Gasabo.**

Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko gahunda yo gusura imirenge yatangiye igikomeza nk'uko babigaragaje mu nama iheruka kandi ko raporo izatangwa mu nama itaha y'Inama Njyanama.

**<u>Ingingo ya gatanu</u>: Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya mbere 2015-2016**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yahawe umwanya amenyesha Inama Njyanama ko hashingiwe ku itegeko no No 87/2013 ryo ku wa 11 Nzeri 2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 135 agace ka 17, bavuga ku Nshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ko agomba gusobanura buri mezi atatu (3) raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari imbere y'Inama Njyanama, agiye kubagezaho raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2015-2016 ni ukuvuga kuva muri Nyakanga kugeza muri Nzeri. Asobanura ko iyi raporo igaragaza uburyo amafaranga yinjiye n'uko yakoreshejwe ndetse n'abo Akarere kabereyemo imyenda n'abayikabereyemo.

Hagaragajwe ko mu ngengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2015-2016 ingana na 21,148,879,303, harimo amafaranga yari kuri konti dutangira umwaka wa 2015-2016 angana na *331,389,856.*

Ku birebana n'imyinjirize y'amafaranga, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko mu mafaranga 1,269,177,937 yari ateganyijwe kwinjizwa n'Akarere hinjiye 1,239,198,798 bingana na 97,6 %. Naho ku mafaranga yinjiye aturutse ahandi (earmarked transfers) yagaragaje ko mu mafaranga 2,106,561,269 yari ateganyijwe kwinjira kuva muri Nyakanga 2015 kugeza muri Nzeri 2015 hinjiye amafaranga 1,475,940,136 bingana na 70%, asobanura ko kuba ayinjiye ari ku kigereranyo cyo hasi bakora cashflow plan, ariko MINECOFIN yajya kuyatanga ikazana make ishingiye ku bushobozi bw'Igihugu n'ibyihutirwa muri rusange.

Ku birebana n'imikoreshereze, y'ingengo y'imari muri rusange, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko ku ngengo y'imari y'umwaka wa 2015-2016 ingana na 21,148,879, hashingiwe kuri raporo ya Smart IFMIS yo kuri 30 Nzeri 2015, igaragaza ko hari hamaze gukoreshwa amafaranga angana na 2,247,959,044 bihwanye na 10.63% by'ingengo y'imari yose mu gihe mu myinjirize hinjiye 14.21% by'ingengo y'imari yose.

Ku birebana n'imyenda Akarere gafitiye abantu, Umunyabanga Nshingwabikorwa yagaragaje ko kugeza ku wa 30 Nzeri 2015, Akarere kari gafite umwenda ugera ku mafaranga 850,259,552, harimo umwenda w'ibikorwa byatangiye bitararangira, ariko ba rwiyemezamirimo bakaba bari

barazanye facture zikaba zari zitarishyurwa. Ku mwenda Akarere gafitiwe n'abandi, kugeza ku wa 30 Nzeri 2015, Akarere kari gafitiwe umwenda ugera kuri 552,491,868.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho uko ingengo y'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2015-2016, nk'uko biteganywa n'itegeko no 87/2013 ryo ku wa 11 Nzeri 2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 135 agace ka 17, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 49.8.680**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2015-2016.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy''inama.

**Ingingo ya gatandatu: Ibintu n'ibindi**

**6.1. Fundraising yo gufasha Abanyarwanda birukanwe mu Gihugu cya Tanzania**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yabwiye abari mu nama ko mu gihe cya fundraising yo kuremera Abanyarwanda birukanwe mu Gihugu cya Tanzaniya yabaye ku itariki ya 4 Mata 2015, abagize Inama Njyanama bari bitabiriye icyo gikorwa, bamusabye ko mu izina ry'Inama Njyanama yakwemera ko Inama Njyanama izatanga amafaranga y'u Rwanda miriyoni imwe (1.000.000 Frw), asobanura ko ayo mafaranga ataratangwa, ariko ko byaganiriye mu nama y'Inama y'Abaperezida hakemezwa ko aya mafaranga agomba gutangwa mbere y'uko manda isozwa, agatangwa ku buryo bungana hatitawe ku yandi abajyanam bemeye gutanga.

**Umwanzuro No 49.9.681**

Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo basanze buri Mujyanama akwiye gutanga umugabane ungana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itatu na bitatu na Magana atanu (33.500 frw), hemezwa ko azaba yatanzwe bitarenze tariki 19 Ukuboza 2015.

**6.2.Umwiherero w'abagize Inama Njyanama.**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere yamenyesheje abari mu nama ko, mu nama y'Inama y'Abaperezida hari hemejwe ko umwiherero w'abagize Inama uzaba ku wa 19 Ukuboza 2015, ariko nyuma bamaze kumenyeshwa ko ku wa 18 Ukuboza 2015, hari amatora ya referendum, kandi ku itariki ya 21-22 Ukuboza 2015, naho hakazaba Inama y'Umushyikirano, bitewe kandi n'uko muri uku kwezi hari iminsi mikuru, yabamenyesheje ko ku wa 19/12/2015 hazaterana inama idasanzwe y'Inama Njyanama igomba kuzemezwamo ingengo y'imari ivuguruye, ndetse hagasuzumwa n'izindi ngingo zari kuzaganirwaho mu mwiherero.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, abagize Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 49.10.682**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Biro y'Inama Njyanama yazagena aho Inama Njyanama izateranira, hemezwa ko muri iyo nama hazasuzumwa ingingo zikurikira:

1. Raporo y'ibikorwa byakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere na Biro y'Inama Njyanama by'imyaka itanu ya manda;
2. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu:
   I. Umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye;
   II. Umushinga w'ivugururwa rya gahunda y'itangwa ry'amasoko
   III. Umushinga wa DDP ivuguruye y'Akarere
3. Aho imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2015-2016 igeze ishyirwa mu bikorwa;

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 20/20 bari mu cyumba cy'inama.

Inama yari yatangiye saa munani n'iminota mirongo ine z'amanywa (14h40), yashoje imirimo yayo saa moya n'iminota mirongo itatu n'itanu z'ijoro (19h35), Umuyobozi w'Inama Njyanama asoza ashimira abayitabiriye.

Bikorewe i Gasabo ku wa 11 Ukuboza 2015.

Umwanditsi w'inama

**MUKESHIMANA Régine**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo.

Umuyobozi w'inama:

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo.